**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA AKABA N'INTUMWA NKURU YA LETA MU NAMA Y'ABAYOBOZI

## *"SOBANUKIRWA IBYAHA UBYIRINDE; TURWANYE IHOHOTERWA RIKORERWA MUNGO, NIRIKORERWA ABANA"*

**RULINDO , KU WA 25/02/2020**

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha;

Bayobozi bakuru ba Polisi n'Ingabo;

Nyakubahwa Mayor w' Akarere ka Rulindo;

Uhagarariye World vision;

Banyakubahwa Bayobozi;

Bafatanya bikorwa b'Akarere ka Rulindo;

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,

Baturage b akarere ka Rulindo ,

Mwaramutse,

Ndashimira abateguye iyi gahunda yo kuganira ku kibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, irikorerwa mu ngo ndetse n'irikorerwa abana by'umwihariko kubasambanya.

Nongeye kandi gushimira namwe mwese batumirwa n'abafatanyabikorwa muri iyi gahunda yo guhashya iki kibazo kuko ari ikibazo kitureba twese mu nzego zitandukanye.

Ihohoterwa rikorerwa mu ngo ni imwe mu mpamvu ituma habaho gusenyuka kw'imiryango; iryo hohoterwa usanga rikubiyemo ibyaha bitandukanye birimo ubusambanyi (gucana inyuma kw'abashakanye) guhoza ku nkeke uwo mwashakanye, ubuharike , ubushoreke , gukoresha umutungo w'urugo mu buryo bw'uburiganya.

Iyo umuryango uhora mu makimbirane y'urudaca ibi bigira ingaruka zikomeye ku burere bw'abana, aha ni ho abana batangira kwishora mu burara bakuramo kunywa ibiyobyabwenge , kwishora mu busambanyi (abana b'abakobwa / abangavu bagatwita inda z'imburagihe), guta amashuri n'ibindi.

Mu ntara y'amajyaruguru mu byaha byiganje biza ku isonga hazamo n'ibyaha biterwa n'amakimbirane yo mu ngo cyane cyane ubuharike ndetse n'irikorerwa abana harimo kubasambanya.

Muri iki gihe hamaze iminsi hagaragara impfu zikorwa hagati y'abashakanye zituruka ku makimbirane yo mu muryango; abenshi bahitanwa n'izo mpfu ni abagore bicwa n'abagabo babo tutirengangije ko hari n'abagabo nabo bicwa n'abagore babo.

Ubu bugizi bwa nabi bwibasiye imiryango cyane cyane abagore bukwiriye guhagarara kuko bugira ingaruka ku muryango, ku bana basigwa ari imfubyi ndetse no ku gihugu muri rusange.

Iki ni ikibazo Leta y'u Rwanda yahagurukiye ikaba yarashyizeho ingamba zitangukanye ishyiraho inzego zose kuva hejuru kugera ku rwego rw'umudugudu mu rwego rwo gukumira no kurwanya iryo hohoterwa.

Aba bana basambanywa, bagaterwa inda z'imburagihe bakabyara, bagatangira kurera abana nyamara na bo bari bakiri abana bagikeneye kurerwa n'ababyeyi babo, babigiramo ingaruka nyinshi bamwe rimwe na rimwe bibaviramo impfu, kwandura indwara zidakira, guhungabana no kwiheba biterwa kenshi n'uko bamwe muri bo batereranwa n'ababyeyi babo.

Kugira ngo iki kibazo kibashe kubonerwa umuti ni uko buri munyarwanda wese yumva ko bimureba, hagomba kubaho ubufatanye bw'inzego zitandukanye.

Niyo mpamvu abayobozi mwese muri hano buri wese agomba gufata iya mbere nk'umubyeyi, nk'umunyarwanda ndetse by'umwihariko nk'abayobozi mu gukumira no kurwanya iri hohoterwa rigacika burundu.

Mu cyerekezo Igihugu cyacu cyihaye harimo no gukorera hamwe, dukomeje muri icyo cyerekezo twese dushyize hamwe iki kibazo cyarushaho kumvikana mu buryo butuma habaho ukuri ku miterere yacyo, habaho ubutabera kuri bose abahuye n'icyo kibazo ndetse banahabwa ubufasha bwose bakeneye byose biganisha kw'iterambere ry'Igihugu cyacu.

Ni ngombwa ko abagabo, abagore ndetse n'abana babaho mu mudendezo baba mu muryango utekanye, ibi kandi akaba aritwe tugomba kubigiramo uruhare.

Mu gusoza reka mbonereho umwanya wo gusaba mwe mwese muteraniye hano gukomeza gusenyera umugozi umwe mu gukumira no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina.

Ndashimira abagize uruhare muri iki gikorwa bose, kandi mbasaba gukomeza urugamba n'ubufatanye musanganywe mu kwamagana no kurandura burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina, irikorerwa mu ngo ndetse n'irikorerwa abana.

Murakoze
Mugire amahoro y'Imana!